English Français Kinyarwanda.

IJAMBO

Nº28 Fax: (250) 7 6574 Tél. 7 2695 B.P. 2154 KIGALI Cpte BCR 25 222/02 Avecom

100 Fr Rédacteur en chef : *HANGIMANA Fr. Xavier*

"Give me liberty, or give me death"
Patrick HENRY

Aho kuryamira ijambo rya Mukama naryamira ubugi bwa ntorezo.

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE C.F.R.C. B.P. 1313 - Kigali RWANDA COOP

Ibihe turimo

HANGIMANA yaribohoje

Twajyanwe i Nyanza ngo tuzinukwe ubwami

Amatwara mashya muri Banki y'ubucuruzi

Le procès du MRNDD et du régime HABYARIMANA

The most pressing development problems in Rwanda

What is democracy ?

Bikurikira urup. 7

Perezida HATEGEKIMANA we ndabona yarakoze umurimo w'ubucamanza, nubwo igisubizo cyabaye kimwe n'icyo Procureur we umaranye ikibazo ukwezi kurenga. Ibiro by'Iperereza tuzi bishobora kujya mu macapiro, ntibyigeze bihagarika UMUSEMBURO ngo bibanze byumve ubiregera; nguko uko IJAMBO ryibwe ubutegetsi bubibona. N'imbeshyerwe HABYARIMANA nyiri inyandiko zamfunze ntiyari yigeze azikurikiranwaho. Igihe kirageze ngo nzirikane amagambo NTEGEYIMANA akunze kuvuga : «ni icacu».

H.Fr.X.

Lettre au Tribunal

Journal IJAMBO
B.P. 2154 KIGALI

Kigali, le 30/09/91

Monsieur le Président du Tribunal de Première Instance de Kigali

Objet : Ordonnance de saisie du Journal UMUSEMBURO et de biens de HABYARIMANA et de NTEGEYIMANA.

Monsieur le Président,

J'ai l'honneur de vous demander une ordonnance de saisie des biens des sieurs HABYARIMANA Juvénal et NTEGEYIMANA Alexis et du Journal UMUSEMBURO dont le tout premier numéro est en préparation à l'Imprimerie Nationale du Rwanda.

En effet NTEGEYIMANA, légalement sous mes ordres, est au Service du tiers, et lui comme HABYARIMANA n'ont pas fait une remise et reprise alors qu'ils sont responsables de la gestion du Journal IJAMBO durant ma détention du 29 mai au 23 septembre 1991. Pourtant l'I.N.R. a surpris certains articles dont la commande avait été passée au nom d'IJAMBO quand NTEGEYIMANA allait les sortir dans l'UMUSEMBURO.

Et d'ailleurs les articles qui vont prochainement être publiés ont été rédigés avec les moyens et au titre d'IJAMBO; j'insiste par la présente que l'I.N.R., à moins d'être complice, ne livre aucun numéro UMUSEMBURO Journal dont les articles sont ma propriété. La mesure serait levée au cas où HABYARIMANA et NTEGEYIMANA payaient où reconnaissaient devoir payer la partie impayée des journaux enlevés par l'I.N.R. sous leur gestion et ce en vertu de l'article 34 du Code civil.

Veuillez comprendre, Monsieur le Président, l'urgence qu'il y a à statuer.

HANGIMANA Fr. Xavier
Rédacteur en Chef.

Copies :

- *Service central de renseignements*
- *Imprimerie Nationale du Rwanda*

IJAMBO ryatewe gatarina

Nyanza, le 22.8

Procureur de la République
Parquet de Kigali
KIGALI

Binyujijwe kuri A.C. uyobora Gereza ya Nyanza

Ibirego : — Uburiganya bwo kurigisa no gutagaguza (art. 424 CP).
— Kwirengagiza gutabara (al. 2 art. 256).

Urega : HANGIMANA F. Xavier, Rédacteur en chef du journal IJAMBO B.P. 2154 KIGALI.

Uregwa : HABYARIMANA Juvénal, Rédacteur en chef ad intérim Tél. 7 2595 B.P. 332 Kigali.

Ku ya 20.08.91 namenyeshejwe ko HABYALIMANA Juvénal ntacyo akorera IJAMBO ko yibera mu ngendo muri Kenya no bindi bye. Namenye ko uwo namuhaye ngo ari we ubika amafaranga, Caissière KANYANA, atigeze yakirwa mu kazi ke, ko icapiro ritarishyurwa yose kandi IJAMBO rigurwa. Ibyo bikaba ari bimwe mu bihagarika IJAMBO kuko ntaremera ko ubutegetsi bubifitemo uruhare runini.

I. Gutabara

— Kuba kuva nafungwa HABYALIMANA Juvénal ataribwiriza ngo ansure na rimwe — kuya 27.06.91 no kuya 20.07.91 yaje ngombye kumutumaho — kandi ariwe wenyine koranye igihe cyose, IJAMBO rimaze kuvuka kugeza ubu, nkaba naranarimukuriye ho, nkuko nabimwandikiye mu ibaruwa yashyizweho umukono na A.C. MUGIRANEZA wayoboraga Gereza ya Nyanza;

— Kuba kuya 27.06.91 HABYALIMANA Juvénal ari kumwe n'uwo muyobozi nasimbuye mubwiye kunshakira MBONAMPEKA ubwe ngo amburanire, ntabikore ngo ansabire gereho;

— Kuba kuya 20.07.91 naramuhereye mu maso ya A.C. Directeur MUGIRANEZA «procuration» ashyira MBONAMPEKA bikagera kuya 23.07.91, umunsi w'iburanisha, atarayimuha;

— Bikubitiyeho ko ibyaha byose bimfunze ku ngingo ya 234 ari inyandiko za HABYALIMANA Juvénal (ukomoka ku Gisenyi), usibye ikirego cya 8 cyerekeye Ministre NSANZIMANA ndetse kikaba nta shingiro gifite kuko Perezida wa Repubulika bwe yavuguruje iby'uwo muminisitiri; ndabona ko HABYARIMANA Juvénal yari kuntabara mu kaga mubereyemo; nkaba mbona kuba mfunze ubwabyo byaguha IJAMBO; byakurikiraho ko HABYALIMANA Juvénal ashaka kurigusha mu mikono re no mu mutungo, nkumva agomba kubikurikiranwaho.

II. Ubuhemu

Mu ibaruwa yasinywe na Directeur MUGIRANEZA, natse HABYALIMANA b

Agahomamunwa ka NZABANITA Burugûmesitiri wa RAMBA.

Aya mayobera ngiye kubagezaho, ni ayo maze iminsi nibonera mo muri Komini ya RAMBA (Gisenyi), nkaba nibaza nibano mu yandi makomini atari ko bimeze. Ariko rero niko bimeze! None se abo bayobozi ba Muvoma ntibamamaza amatwara amwe y'iyo Muvoma yabo?! Ari uko bimeze, sinabura kuvuga ko Muvoma icyuye igihe, aya mashyaka menshi akaba aje tuyashaka.

Dore amwe mu matwara mabi ya bene Muvoma

Umuyobozi wa Muvoma muri Komini RAMBA (ari we Burugumesitiri): tariki ya 9 Gicurasi 88 yikijeje mu bapfumu nuko bateza izuzi zabo, bati: abana bawe barashize, bagiye kurogwa n'umugore wa NYIRANDENGEYINKA utuye mu Kariha! Yahindukiye nk'iya gatera, yohereza Burigadiye n'abapolisi kujya kumuzana, bamugejeje aho, IPJ atangira akazi. Burije mbere yakozi baratashye umugore barabamufunga bamusigira abaporisi bizamu: BWARIKERA (kabuharike mu kurasa) na ZIRIKANA (umuhokore). Ubwo NZABANITA agiye rwe akoze imihango abapfumu bamubwiye arangije arikoze atwawe n'umushoferi we NTAHONDEREYE, ageze yo arangirije ku mutango wa nyuma wagombaga gutuma abana be bababo iteka ryose nriwo: «kwica NYIRANDENGEYINKA!» Ararikoze, arangije ajya kwifururira. Mu gitondo IPJ ahageze azi ko agiye gukomeza akazi ke, agitunguka abona intumbi iragaramye; ati: iri shyano nide warikoze? Muvoma iti: vuga uvuye aho wa gicucu we, ndetse mvira no muri Komini!... Uwo IPJ witwa NSANZIMFURA Yozefu bitaga BURINGITI, ubu yibera muri Parike ya Kigali, umubajije yabikubwira.

SEKARUHIJE abaye umupfakazi. Muvoma se hari icyo izamurebera? Nirorere kugira icyo imurebera maze imurangirize ruriya rubanza rwe n° RMP 65 661 Kbya/88! Aha data, n'aho ageze abaza iby'umugore we NYIRANDENGEYINKA, bamubwira ko nahahama bamufunga, ngo ntabwo azi amatwara ya muvoma!! Cyo se banyamakuru, bakunzi ba Perezida, hari amahano atari muri uru Rwanda?! Uti ese ni ayo gusa? Hum! Ni uko ari kure yanyu, ariko nubwo haba kure bwose mutwemereye abanyeRamba twakodesha imodoka ikaza kubatwara mukiyumvira iby'aya mahano ahabera, mukabimenyesha n'abandi ba Milita, ndetse na Fondateri wa Muvoma akiyumvira ukuntu amatwara y'ishyaka rye arimo acengezwa muri uru Rwanda maze nawe akabona ko Muvoma irimo icyura igihe. Ugeze i Ramba, wakwibonanira n'umugabo HANYURWIMFURA François akakubwira uko yabaye masikini, imodoka ye igahagarikwa muri iyi mihanda ya Ramba azira ko yapakiye ibirayi abigemuriye abanyaKigali. Ngo ibyo birayi arabitundira mu NDUGA ashaka iki? Urubanza rwe N° RMP 62 736/Kbya/86 Progéral, nta nindishyi Muvoma itanga.

Wakwibonanira n'umucuruzi NKIKO Pakome cyangwa ukabaza RUTERANA ufite butike aho ku Muhima hafi ya la Fraîcheur, maze ngo akubwire ukuntu uriya muporisi navuze haruguru uzwiho kumenya kurekura urusasu, yarumumisheho agakizwa n'akamodoka ke n'ubwo bakarashe amapini. Azira iki? Cya hehe! Nta munsi w'ubusa, ubu akaba afite n'ibibazo bya biriya bibunda bishya byahawe za Komini.

Ubundi se uwo muyobozi atunze iki ?

Ibya mirenge wo ku Ntenyo akura mu mutungo w'abaturage anyereza mu gihe yubaka amazu ya Leta, akabumbisha amatafari, agatwikisha amashyamba ya Leta kandi n'amasiteri aba yaratemwe n'umushinga DRI, agatanga sima yo kubaka fondasiyo ahasigaye ngo nimukoreshe icyondo muzanoba nyuma. Tekereza rero imifuka ya sima yatwaye ku bigo 3 byuzuye bya Primaire, za CERAI, urukiko, icumbi rye na za IGA! Naho ziriya miriyoni ibyitso byamuhaye ngo abihishire yoye kubisaka, ahubwo imodoka ya komini yaraharenganiye ijya mu Gishwati.

Burugumesitiri n'abanyabwenge bite?

Yee, bake nanjye ndimo aratwumva, ariko tukamenya ko ngo nta wundi ugomba kuvugira kuri telefoni uretse we w'umuyobozi. Ibi si ibinyoma, ino i Ramba hageze telefoni, hashize imyaka 2, iya Burugumesitiri yarakoze, ariko kabine yacu (cabine public) yarayifunze hagira n'uyishaka ku giti cye akanangira. Ntaho tutabajije mu bategetsi, bamubwira, ati: ndabikora ariko bigacira aho. Yewe, uterefonnye na Superefe wa NGORORERO yabikubwira arabizi. Aho yaherewe ubwo buyobyi bwa Muvoma yagiye ku muganda nka 3 kuva muri 81; nyamara umuturage ugize impamvu z'umunsi umwe ngo ngicyo mugifunge n'amande ya 2000 Frw. Nanjye nti ni ubujiji uwajya agana inzego zo hejuru! Ashwi da! Ntako tutagize, no muri Perezidansi ahafite ibyitso, cyane igihe mucuti we NDUWAYEZU yari ahakomeye uretse ko ngo n'ubu ataho roshye!!! Umwe mu ba Milita aherutse kwikora yandikira Kangura amumenyesha ibintu nk'ibi, umuyobozi wawe abe yabimenye; none uwabyanditse ari mu mazi abira ayashyizwemo na Kangura. Amahirwe agira ni uko atari muri iyi Komini. Natanze amazina y'abantu babazwa yemwe n'uriya Muyobyi wamwibariza uretse ko yazajya abyikuraho, ariko azakubwira ko ibyo navuze byose byabaye ariko uzirinde atakuyobya dore ko ari Mirenge wo ku Ntenyo aka «Ferdinand MARCOS».

Mbashimiye ubushake muzagira mu gutangaza aya mahano ya Muvoma.

GAKWIYE Jean Ramba

N.d.l.r.:
Amafuti yose akozwe ntagomba kwitirirwa M.R.N.D.D. kandi ababurugumesitiri ntibakiri abayobozi ba M.R.N.D.D.